**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE**

**ICYEMEZO CYO KU WA 09/09/2019 GIHANISHA AVOKA IHAZABU MBONEZAMUBANO KUBERA GUTINZA URUBANZA**

---

Twebwe, **BIZIMANA Innocent**, umucamanza ugize inteko iburanisha urubanza N° RP 00305/2019/TGI/MUS, NIYIBIZI Japhet, NDAZIGARUYE Cyprien na NYIRANTARO Assinath baburana n'Ubushinjacyaha, dufashijwe na **KAYISIRE Devote**, Umwanditsi w'Urukiko;

**Tumaze** kubona ko ingingo ya 18, igika cya 2, y'Itegeko N° 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi[1], iteganya ko: "*Iyo gutinza urubanza ku bushake [...] bikozwe n'umwavoka cyangwa undi muntu uhagarariye umuburanyi, acibwa ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000)*"; *naho ingingo ya 19, igika cya 2, y'iryo Tegeko, igateganya ko: "[...] Umwavoka wahanishijwe ihazabu mbonezamubano ntashobora kongera kuburanira mu rukiko urwo ari rwo rwose, igihe cyose iyo hazabu itarishyurwa.";*

**Tumaze** kubona ko **Me MBONIGABA Paul** wunganira abaregwa mu rubanza rwavuzwe haruguru, akaba yarihuje n'urwo rubanza, ndetse n'Ubwanditsi bw'Urukiko bukaba bwaramumenyesheje itariki y'iburanisha yo ku wa 09/09/2019 (*nk'uko bigaragara muri IECMS*), ariko kuri uwo munsi, akaba atitabiriye iryo buranisha kugira ngo yunganire abaregwa bari bitabye, kandi akaba atamenyesheje uru Rukiko impamvu yatumye atitaba;

---

[1] Itegeko N° 22/2018 niryo rishyingiweho kuko ingingo yaryo ya mbere iteganya ko ari ryo rigenga imiburanishirize y'izindi manza mu gihe nta yandi mategeko yihariye agenga iyo miburanishirize yindi.

**Dusanze** kuba **Me MBONIGABA Paul** atitabiriye iryo buranisha kugira ngo yunganire abaregwa, bikaba byatumye iburanisha ryarwo ryimurirwa ku wa 13/11/2019, bikwiye gufatwa nk'uburyo bwo gutinza urubanza nta mpamvu igaragara bikozwe n'Avoka nk'uko biteganywa n'ingingo ya 18, igika cya 2, y'Itegeko N° 22/2018 yavuzwe haruguru, bityo Me MBONIGABA Paul akaba agomba guhanishwa ihazabu mbonezamubano ingana na 200.000 Frw, kandi akazongera kuburana mu rukiko urwo arirwo rwose ari uko amaze kwishyura iyo hazabu nk'uko biteganywa n'ingingo ya 19, igika cya 2, y'Itegeko N° 22/2018 nayo yavuzwe haruguru;

**ICYEMEZO**

**Dutegetse** ko **Me MBONIGABA Paul** aciwe ihazabu mbonezamubano y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (*200.000 Frw*) kubera gutinza urubanza, akazongera kuburana mu rukiko urwo ari rwo rwose ari uko amaze kuyishyura.

**NI UKO BYEMEJWE N'URUKIKO RWISUMBUYE RWA MUSANZE, NONE KU WA 09/09/2019.**

**BIZIMANA Innocent**
Umucamanza

**KAYISIRE Devote**
Umwanditsi w'Urukiko